

## Ibibazo bikunze kubazwa

Italiki: 15.04.2020



Inyunganizi ya leta ku bikorera.

Muri ibi bihe bya COVID-19, BPN irimo kukorana na ba Rwiyemezamirimo 150 ikurikirira hafi amakuru yabo. Muri iyi dokima dusubiza ibibazo byagiye bibazwa n'aba rwiyemezamirimo benshi. Tuzajya dukomeza twongeremo amakuru mashya, tunayabagezeho. Niba ufite ikibazo runaka cyangwa se igisubizo cyagirira bagenzi bawe akamaro, nti ushidikanye kubimenyesha Coach wawe muli BPN.

### **Ese hari inyunganizi yabaho ishobora kudufasha gukomeza tukagumana abakozi bacu?**

Nubwo kuguma mu rugo kubera COVID-19 ari ikibazo kiremereye ubukungu bw' isi yose, nibwo buryo bwonyine ibihugu bishobora kwirinda ikwirakwira rya Coronavirusi. Kuri ba rwiyemezamirimo, ni ibihe biteye impagaragara kandi n' ubu ntawuramenya igihe bizarangirira. Benshi muri mwe bahuye n' igabanyuka ry' igicuruzo ndetse bamwe byarahagaze burundu. Ikindi, ni ngombwa gushaka igisubizo cy' ukuntu bagumana abakozi babo.

**Inkuru nziza** ni uko u Rwanda ruri mu bihugu birimo bikora umurimo mwiza mu kurwanya ikwirakwira rya COVID-19 rukaba runitaye ku baturage barwo muri ibi bihe by' akaga. U Rwanda washyizeho itsinda ry' abakangurambaga ku rwego rw' igihugu harimo Minisiteri y' Imari, Minisiteri y' Ubucuruzi n' Inganda, Ikigo cy' Igihugu gishinzwe Iterambere (RDB) n' Urugaga rw' Abikorera (PSF), barimo bakurikiranira hafi ingaruka ku bukungu bw' u Rwanda bakaba banatanga ibitekerezo ku bisubizo bumva bikwiriye. Iryo tsinda rizatanga imyanzuro kubijyanye n' uko ubukungu bwazahuka bukongera bukiyubaka nyuma y' ibi bihe byo kuguma mu rugo, igihe ingaruka zose zizashobora gusesengurwa zikagaragara.

Hari ikintu kimwe kimaze gisobanuka uyu muni: Kuguma abakozi bahembwa ni kimwe mu bintu byarinda ihungabana rikomeye ry' ubukungu. Bamwe mu babyemera harimo ikinyamakuru cyitwa Bloomberg gishishikariza icyo kintu nk' igisubizo nomero ya mbere cyo kuzahura ubukungu kuko iyo uhembye abakozi uba ubahaye ubushobozi bwo gukomeza kugura ibyo bari basanzwe bagura, bigatuma ya mafaranga aguma agaruka mu bigo byikorera bigatuma bishobora kwongera gukora. Iki gisubizo benshi muri mwe, igihe mwaganiraga n' abakozi ba BPN bashinzwe iherekeza, nicyo bakomojeho nk' igisubizo mwahitamemo. Ubu leta y' u Rwanda nayo igifata nk' ikintu cyihutirwa kurusha ibindi. **Hafashwe icyemezo ko hazaba isonerwa ry' imisoro ku mishahara yose izarihwa muri iki gihe cyo kuguma mu rugo guhera mu kwezi kwa kane.**

BPN irimo irakoranira hafi na RDB na PSF muri ibi bihe bikomeye. BPN ishobora kubafasha gusaba gusonerwa iyo misoro igihe mwaba muteganya kwishyura imishahara y' ukwezi kwa kane. Tuzabohereza vuba email ikubiyemo ibikenewe kubyo mugomba gukora kugira ngo mwemererwe iryo sonerwa. Niba mwifuza gukorana na BPN kuri icyo, muzegere abaherekeza banyu muri BPN.

Turifuza kubashishikariza muri ibi bihe bigoye gukomera ku mahame n' indagagaciro zanyu bwite n' iz' ibigo byanyu. Ku bisubizo muzashyira mu bikorwa, muzazirikane ku mibererho myiza y' abakozi banyu ndetse n' abandi. Turabizi neza ko bitoroshye.

**BPN ibereye hano mwebwe. Mukomere! Mwirinde!**

#### **Inama yatanzwe n'umurwiyemezamirimo, kubwacu twese:**

*"Muri ibi bihe turimo, twirinde kwitekerereza. Mureke duharanire imirimo twahanze. Abakozi bacu badutezeho ko tubabonera ibisubizo. Nitwe bareba nta wundi. Nitugwe mu mutego rero. Duhanire ibishoboka byose, byafasha abantu badukoreye, bakubaka ibigo byacu."*